mpamvu zashora Leta mu manza;

Government;

lieu aux actions en justice contre l'Etat ;

Amaze kubona ko hari igihe ayo masezerano asinywa n'urwego rudafite ububasha mu rwego rwa tekhnike bwo kuyakurikirana bityo ibibazo bivutse mu ishyirwa mu bikorwa ryayo ntibivumburwe hakiri kare ngo bibe byafatirwa ingamba amazi atararenga inkombe;

Considering that such contracts are in some cases signed by Institutions which have no technical skills to ensure their smooth follow-up, which does not make it easy to anticipate disputes during the execution, so as to find solutions on time;

Considérant que dans certains cas les contrats sont signés par des institutions qui n'ont pas la compétence technique pour assurer leur suivi, ce qui ne permet pas facilement d'anticiper les problèmes qui peuvent survenir au moment de l'exécution afin trouver des solutions à temps ;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 91/03 ryo ku wa 25/08/2011 rigena inshingano, imbonerahamwe n'incamake y'imyanya y'imirimu bya Minisitiri y'Ubutabera, cyane cyane mu mu ngingo ya ryo ya 2;

Pursuant to Prime Minister's order n° 91/03 of 25/08/2011 determining the mission, functions, organisational structure and summary of job positions of the Ministry of Justice, especially in Article 2;

Vu l'Arrêté du Premier Ministre n° 91/03 du 25/08/2011 portant mission, fonctions, structure organisationnelle et synthèse des emplois du Ministère de la Justice spécialement en son article 2;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 28/03/2014 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 28/03/2014;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 28/03/2014;

**ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:**

**GIVES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:**

**DONNE LES INSTRUCTIONS SUIVANTES:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS  
GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije**

**Article One: Purpose of these instructions**

**Article premier: Objet des présentes  
instructions**

Aya mabwiriza agamije gushyiraho uburyo bwo gutegura amasezerano Leta irimo yitwa "amasezerano" mu ngingo zikurikira, kuyumvikanaho, kuyasabaho no kuyatangaho ibitekerezo mu rwego rw'amategeko, kuyashyiraho umukono no kuyacunga.

The purpose of these instructions is to determine modalities for drafting, negotiating, requesting and providing legal opinion, signing and managing Government contracts referred to as "Contracts" in the following provisions.

L'objet des présentes instructions est définir les modalités de rédaction, de négociation, de consultation juridique, de signature et de gestion des contrats administratifs dénommés « contrats » dans les dispositions ci-après.

**Article 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira asobanuye ku buryo bukurikira:

- 1° **“ubukemurampaka bwihariye kandi budahoraho”**: Ubukemurampaka budakozwe n'ikigo cy'ubukemurampaka, ariko bikozwe n'impande bireba zihitiramo abakemurampaka bakanishyiriraho amategeko abagenga, amategeko bagenderaho n'ibyangombwa byose byakenerwa muri ubwo bukemurampaka;
- 2° **“Amasezerano”**: Amasezerano ayo ari yo yose, yaba ay'imbere mu gihugu, cyangwa mpuzamahanga, akozwe hagati y'urwego rwa Leta n'urundi ruhande, rwaba urwa Leta cyangwa urwigenga, yaba akorewe mu Rwanda cyangwa mu mahanga;
- 3° **“Umukozi wa Leta”**: Umukozi wa Leta ku rwego urwo ari rwo rwose cyangwa se umuntu uwo ari we wese uhagarariye Leta mu gihe cyo gutegura no gukora amasezerano;
- 4° **“urwego rwa Leta”**: Urwego rwa Leta ibyo urwo ari rwo rwose, Minisiteri, Komisiyo z'Igihugu, Urwego rwa Leta rw'Ubucuruzi bifite ubuzima gatozi kandi Leta ikabigena ingengo y'imari kugira ngo bishobore gukora ibikorwa by'inyungu rusange;

**Article 2: Definitions**

For purposes of these Instructions, the following terms shall mean:

- 1° **“ad-hoc” arbitration**: arbitration which is not administered by an institution and where the parties make their own arrangements for selection of arbitrators and for designation of rules, applicable law, procedures and administrative support;
- 2° **“Contract”**: any legal Agreement concluded between a Public Institution and any other party, whether Public or Private and whether of a National or International nature including those signed abroad;
- 3° **“Public official”**: any public servant, or any representative that the Government of designates to act on its behalf while negotiating and drafting Contracts;
- 4° **“Public Institution”**: all Government institutions, Organs, National Commissions, Ministries, local Government entities and Public Enterprises that have legal personality and to which the Government allocates funds in order for them to carry out various activities for public interest;

**Article 2: Définitions**

Dans les présentes instructions, les termes suivants sont définis comme suit :

- 1° **« Arbitrage ad hoc »** un arbitrage qui n'est pas administré par une institution et où les parties font leurs arrangements dans la sélection des arbitres et dans la désignation des règles, du droit applicable, des procédures et de l'appui administratif ;
- 2° **« Contrat »** : tout accord à caractère national ou international, conclu entre une Institution publique et une autre partie, publique ou privée, y compris les accords signés à l'étranger ;
- 3° **« Agent de l'Etat »** : tout fonctionnaire ou tout représentant que l'Etat désigne pour agir en son nom lors de la négociation et de la rédaction des contrats ;
- 4° **« Institution publique »** : toutes les institutions, Organes, commissions nationales, Ministères, les entités administratives décentralisées, les établissements publics qui ont la personnalité juridique et auxquelles l'Etat accorde des fonds pour leur permettre de mener différentes activités d'intérêt public ;

*Official Gazette n° 18 of 05/05/2014*

- 5° **Amasezerano yo hanze y'ibigo bya Leta:** Amasezerano akorwa hagati y'ibigo bya Leta bibiri cyangwa birenga;
- 6° **“Amasezerano yo mu bigo bya Leta”:** Amasezerano akorwa n'urwego rwa Leta yerekeranye n'imikorere yacyo, nko kugemurirwa ibikoresho byo mu biro;
- 7° **Kontaro mpuzamahanga”:** amasezerano akorwa hagati y'urwego rwa Leta n'ikindi gihugu, ikigo mpuzamahanga, cyangwa se urundi ruhande iyo:
- a. urundi ruhande rufite aho rukorera ibikorwa byarwo mu kindi gihugu;
  - b. urundi ruhande ari umunyamahanga akaba adaturye mu Rwanda nk'uko biteganywa n'Itegeko ryerekeye abinjira n'abasohoka mu Rwanda;
  - c. urundi ruhande ari ikigo cyiyandikishije hakurikijwe andi mategeko atari ay'u Rwanda kandi ibikorwa byacyo bikaba bicungirwa hanze y'u Rwanda;
  - d. aho igice kinini cy'inshingano zerekeranye n'amategeko kigomba kurangirizwa hanze y'imbibi z'u Rwanda;
- 8° **Ushinzwe iby'amategeko:** umuntu uwari we
- 5° **External Contract:** any contract concluded between two or more Public Institutions;
- 6° **Internal contract:** any contract concluded by a Public Institution for its internal administration such as supply of office equipment;
- 7° **“International contract”:** any contract signed between any Public Institution and any other country, international agency, or any other party where:
- a. the other party at the time of the contract has its place of business or activities in another state;
  - b. the other party is a foreigner and a resident in Rwanda according to the Law on Immigration;
  - c. the other party is a corporate body registered under laws other than Rwandan laws whose central management and control of business or activities are performed outside Rwanda;
  - d. the substantial part of the legal obligations is to be performed outside Rwanda;
- 8° **“Legal officer”:** any person with the mandate
- 5° **« Contrat externe »:** tout contrat conclu entre deux ou plusieurs Institutions Publiques ;
- 6° **« Contrat interne »:** tout contrat conclu par une institution publique pour son administration interne, tel que la fourniture d'équipement de bureau;
- 7° **« Contrat international »:** tout contrat signé entre une Institution publique et un autre Etat, une agence internationale, une organisation internationale ou une autre partie où :
- a. l'autre partie, au moment du contrat, mène ses activités dans un autre Etat ;
  - b. l'autre partie est un étranger et ne réside pas au Rwanda aux termes de la Loi sur l'Immigration et l'Emigration;
  - c. l'autre partie est une société enregistrée sous le droit autre que le droit rwandais et dont la gestion centrale et le contrôle de ses activités se trouvent à l'extérieur du Rwanda;
  - d. le lieu où la partie importante des obligations en vertu de la relation juridique doit être accomplie est à l'extérieur du Rwanda;
- 8° **« agent juriste »:** toute personne

*Official Gazette n° 18 of 05/05/2014*

wese ufite mu nshingano ze kugira inama urwego rwa Leta mu rwego rw'amategeko;	of advising a Public Institution on legal matters;	ayant dans ses fonctions les attributions de donner des avis juridiques à une Institution publique sur des affaires juridiques ;
9° “ <b>Amasezerano yo ku rwego rw'igihugu</b> ”: amasezerano akorwa hagati y'inzego za Leta n'izindi mpande iyo:	9° “ <b>National contract</b> ”: A contract concluded between a government institution with any other party where:	9° « <b>contrat national</b> »: un contrat conclu entre les institutions publiques au nom de l'Etat Rwandais et autres parties lorsque :
a. urundi rwego ari urwego rw'igihugu cyangwa rubarizwa mu Rwanda;	a. the other party is a national or habitually resides in Rwanda;	a. l'autre partie est nationale ou réside habituellement au Rwanda ;
b. urundi rwego ari ikigo cyiyandikishije mu Rwanda cyangwa imicungire yacyo ibarizwa mu Rwanda;	b. the other party is a corporate body registered in Rwanda or has its central management and control in Rwanda;	b. l'autre partie est une société enregistrée au Rwanda ou dont la gestion centrale et le contrôle se trouve au Rwanda;
c. aho igice kinini cy'inshingano zerekeranye n'amategeko kigomba kurangirizwa mu Rwanda;	c. the substantial part of the legal obligations are to be performed in Rwanda;	c. le lieu où une partie importante des obligations doit être accomplie en vertu de la relation juridique se trouve au Rwanda ;
10° <b>Amasezerano akomeye</b> : Ni amasezerano ahuriweho n'inzego nyinshi za Leta; arimo impande nyinshi; cyangwa asaba ubuhanga buhanitse bwihariye.	10° <b>Complex Contracts</b> : Contracts that implies either intervention of many Government Institutions; many parties; or requiring particular high level expertise.	10° <b>Contrats complexes</b> : contrats faisant intervenir plusieurs Institutions publiques; entre plusieurs parties ; requérant une expertise particulière de haut niveau.
<b><u>Ingingo ya 3: Ibirebwa n'aya mabwiriza</u></b>	<b><u>Article 3: Scope of application</u></b>	<b><u>Article 3: Champ d'application</u></b>
Aya mabwiriza areba ibigo cyangwa inzego bya Leta byose bigenerwa na Leta ingengo y'imari kugira ngo birangize inshingano zabyo.	These Ministerial Instructions shall apply to all Public Institutions or Organs to which public funds are allocated in order to fulfil their mission.	Les présentes instructions s'appliquent à toutes les institutions publiques auxquels les fonds du budget sont alloués afin qu'ils remplissent leur mission.



**Ingingo ya 4: Amoko y'amasezerano**

Amasezerano agengwa n'aya Mabwiriza ni aya akurikira:

- 1° Amasezerano yo ku rwego rw'Igihugu;
- 2° Kontaro mpuzamahanga.

**Ingingo ya 5: Ubwoko bw'amasezerano yo ku rwego rw'igihugu**

Uretse bivuzwe ukundi, ubwoko bw'amasezerano yo ku rwego rw'igihugu ni ubu bukurikira:

- 1° amasezerano yo mu bigo bya Leta yerekeranye n'igemura ry'ibikoresho, amasezerano yerekeranye n'imirimu n'ayerekeranye na serivisi zitangwa n'impuguke;
- 2° amasezerano yo hanze y'urwego yerekeranye n'inshingano z'ikigo na serivisi giha rubanda;
- 3° amasezerano yerekeranye n'umurimo ariko hatarimo imirimu y'abakozi bagengwa na sitati rusanga igenga abakozi ba Leta;
- 4° amasezerano yerekeranye n'igurishwa ry'imigabane ya Leta, iy'umunyarwanda cyangwa y'ama sosiyete nyarwanda ndetse n'ay'abashoramari afite icyicaro mu Rwanda kandi akaba akorera mu Rwanda;

**Article 4: Contracts**

The Contracts governed by these Instructions shall be the following:

- 1° National contracts;
- 2° International contracts.

**Article 5: Types of national contracts**

Unless otherwise stated, types of national contracts shall include the following:

- 1° internal contract of Public Institutions or organs which are related to supply of goods/equipment, contracts related to works and those related to consultancies;
- 2° external contract in line with the mission of the Public Institution and related to the services it offers to the public;
- 3° employment contract but which excludes employees governed by General Statute for public service;
- 4° contract related to the sale of government shares, shares of a national or those of local companies as well as those of foreign investors whose origin of formation of their business activities is in Rwanda;

**Article 4: Contrats**

Les contrats régis par les présentes Instructions sont les suivants:

- 1° les contrats nationaux;
- 2° les contrats internationaux.

**Article 5: Types de contrats nationaux**

A moins qu'il ne soit autrement stipulé, les types de contrats nationaux comprennent:

- 1° les contrats internes relatifs à la fourniture de biens/équipements, les contrats relatifs aux travaux et les contrats relatifs aux consultances ;
- 2° les contrats externes en rapport avec la mission d'une institution publique et en rapport avec les services qu'elle offre au public;
- 3° les contrats de travail, à l'exception des employés régis par le Statut Général des agents de la fonction publique ;
- 4° les contrats relatifs à la vente des actions de l'Etat, les actions des nationaux ou sociétés locales ainsi que les investisseurs étrangers qui ont fait enregistrer leurs activités commerciales au Rwanda ;

- |   |   |  |
|---|---|--|
| 5° amasezerano yerekeranye n'igura ry'imigabane hagati ya Leta y'u Rwanda n'abanyarwanda cyangwa sosiyete nyarwanda ndetse n'ay'abashoramari afite icyicaro mu Rwanda kandi akaba akorerwa mu Rwanda; | 5° contract related to purchase of government shares by Rwanda nationals or local companies as well as those of foreign investors whose place of registration and place of business is in Rwanda; | 5° les contrats d'achat d'actions de l'Etat et les actions des nationaux ou les sociétés locales ainsi que les investisseurs étrangers qui ont fait enregistrer leurs activités commerciales au Rwanda ; |
| 6° amasezerano yerekeranye n'ishoramari, amasezerano y'ubukode, ay'ikodesha-gurisha mu gihe urundi ruhande ari ikigo cyiyandikishije mu Rwanda cyangwa se imicungire yacyo iri mu Rwanda;             | 6° investment, concession or lease contract for which the other party is a corporate body registered in Rwanda or which has its central management and control in Rwanda;                         | 6° les contrats d'investissement, de concession ou location-vente avec l'autre partie qui est une société enregistrée au Rwanda ou qui a son centre de gestion et de contrôle au Rwanda ;                |
| 7° amasezerano y'ubufatanye cyangwa andi masezerano arimo ikigo cyiyandikishije mu Rwanda cyangwa imicungire yacyo iri mu Rwanda.   | 7° memorandum of understanding or any other type of agreement of which the other party is a corporate body registered in Rwanda or whose management is located in Rwanda.                         | 7° les protocoles d'entente ou les types d'accords pour lesquels l'autre partie est une société enregistrée au Rwanda ou ayant son centre de gestion ou de contrôle au Rwanda.                           |

**Ingingo ya 6: Ubwoko bwa kontaro mpuzamahanga**

Uretse bivuzwe ukundi, ubwoko bwa kontaro mpuzamahanga ni ubu bukurikira:

- 1° kontaro mpuzamahanga zerekeranye n'igemura ry'ibikoresho, kontaro zerekeranye n'imirimo n'izerekeranye na serivisi zitangwa n'impuguke;
- 2° amasezerano yerekeranye n'impano, imfashanyo n'inguzanyo mpuzamahanga akozwe hagati ya Leta y'u Rwanda n'ikindi gihugu, imiryango nyarwanda itari iya Leta,

**Article 6: Types of international contracts**

Unless otherwise stated, types of international contracts shall include the following:

- 1° any international contract related to supply of goods/equipment, contracts related to works and those related to consultancies;
- 2° any agreement related to grants, foreign aid and loans between the Government of Rwanda and any other State, national organisations, international organizations

**Article 6: Types de contrats internationaux**

A moins qu'il ne soit autrement stipulé, les types de contrats internationaux sont les suivants :

- 1° tous les contrats internationaux relatifs à la fourniture de biens/équipements, les contrats relatifs aux travaux et les contrats relatifs aux consultances ;
- 2° accords de dons ou toute aide étrangère et accord de prêt entre l'Etat Rwandais et un autre Etat, des organisations nationales, des organisations non gouvernementales

- |   |   |  |
|---|---|--|
| imiryango mpuzamahanga, cyangwa n'umuntu ufite sitati mpuzamahanga;   | or individual with an international status;   | ou un individu ayant un statut international ;   |
| 3° amasezerano mpuzamahanga yerekeranye n'ishoramari n'ubucuruzi harimo n'ay'igura ry'imigabane, amasezerano y'ubugure, amasezerano y'ubukode, amasezerano y'ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera, amasezerano yerekeranye n'ingufu zituruka ku mashanyarazi n'ubundi bwoko bw'amasezerano yerekeranye n'ishoramari n'ubucuruzi hagati ya Leta y'u Rwanda n'abashoramari b'abanyamahanga cyangwa sosiyete zashingiwe hanze y'u Rwanda. | 3° any international investment and trade agreement including share purchase and sale agreement, concession agreement, public private partnerships, power purchase agreement and any other type of investment and trade agreement between the government of Rwanda and foreign investors or companies whose origin of business formation is outside Rwanda. | 3° accords d'investissement et de commerce international y compris entre autres des accords d'achat et de vente d'actions, contrats de concession, de partenariats publics et privés, et tout autre type d'investissement et accord de commerce entre l'Etat Rwandais et les investisseurs ou sociétés étrangers qui sont enregistrés en dehors du Rwanda. |

**UMUTWE WA II: GUTEGURA AMASEZERANO**

**CHAPTER II: DRAFTING CONTRACTS**

**CHAPITRE II: REDACTION DE CONTRATS**

**Icyiciro cya mbere: Itegurwa ry'amasezerano**

**Section One: Drafting of contracts**

**Section première : Rédaction des contrats**

**Ingingo ya 7: Utegura amasezerano**

**Article 7: Drafter of contract**

**Article 7: Rédacteur de contrats**

Urwego rwa Leta ni rwo rutegura ubwarwo igihe cyose bishoboka inyandiko ikubiyemo amasezerano rukayashyikiriza urundi ruhande rwifuzza kugirana na rwo amasezerano.

Any Public Institution shall where possible draft the contract to be proposed to the other party.

Toute institution publique doit, dans la mesure du possible, rédiger elle-même les contrats à être proposés à l'autre partie.

**Ingingo ya 8: Amasezerano y'icyitegererezo**

**Article 8: Model contracts**

**Article 8: Contrats modèles**

Mu gihe cyo gutegura amasezerano, Urwego rwa Leta rwifashisha amasezerano y'icyitegererezo yemejwe na Minisiteri y'Ubutabera cyangwa urwego rwa Leta rufite amasoko mu nshingano zarwo hashingiwe ku masezerano impande zombi zifuzza gukora.

The Public Institution shall use the model contracts approved by the Ministry of Justice or an institution in charge public procurement depending on the type of the contract they intend to conclude.

L'institution publique doit utiliser les contrats modèles approuvés par le Ministère de la Justice/le Bureau du Garde des Sceaux ou l'organe chargé des marchés publics selon le type de contrat que les deux institutions veulent conclure.

**Ingingo ya 9: Amasezerano yerekeranye n'amasoko ya Leta**

Amabwiriza rusange y'amasezerano yerekeranye n'amasoko ya Leta agomba kugaragara mu nyandiko zitanga ayo masoko kandi agakurikizwa mu gihe akorwa.

Amasezerano yerekeranye n'amasoko ya Leta kandi agomba kuba yujuje ibisabwa n'amategeko abireba.

**Icyiciro cya 2: Ingingo zihariye zo mu masezerano**

**Ingingo ya 10: Ingingo yerekeranye n'amategeko agenga amasezerano**

Umukozi wa Leta mu gihe ategura amasezerano, agomba gukoresha ingingo yerekeranye n'amategeko ayagenga iri ku mugereka wa I w'aya mabwiriza.

Iyo abagiranye amasezerano batumvikanye ku mategeko agenga amasezerano, Urwego rwa Leta rubimenyeshya Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta.

**Ingingo ya 11: Inshingano yo kwandika ingingo yerekeye gukemura impaka**

Abagiranye amasezerano bafite inshingano yo gushyira mu masezerano yabo ingingo ziri ku mugereka wa I w'aya mabwiriza zerekeranye no gukemura impaka ku bwumvikane, hifashishijwe

**Article 9: Contracts related to public tenders**

The general conditions of the contracts related to public tenders must be included in the tender documents and be respected while drafting and negotiating such contracts.

Procurement contracts must also have all the information required by relevant existing laws.

**Section 2: Particular clauses in contracts**

**Article 10: Governing law clause for contracts**

While drafting any Contract, a Legal Officer or Government official shall use the provision regarding the governing law clause as stated in the Annex I of these Instructions.

In case the parties disagree on the governing law, the institution shall refer the matter to the Minister of Justice/Attorney General.

**Article 11: Obligation to draft a dispute resolution clause**

While drafting Contracts, parties shall include a dispute resolution clause using as the case may be, the amicable settlement, mediation, arbitration or litigation clause in annex I

**Article 9: Contrats de marché public**

Les conditions générales des contrats en rapport avec les marchés publics doivent être comprises dans les appels d'offres et respectées lors de la rédaction et de la négociation de ces contrats.

Les contrats en rapport avec les marchés publics doivent contenir toutes les informations requises par les lois existantes.

**Section 2: Clauses particulières du droit applicable aux contrats**

**Article 10: Clause du droit applicable pour les contrats**

Au moment de la rédaction des contrats, les agents de l'Etat utilisent les termes de la clause du droit applicable mentionnés à l'annexe I des présentes instructions.

Au cas où les parties sont en désaccord sur le droit applicable, l'institution renvoie l'affaire au Ministre de la Justice/Garde des Sceaux.

**Article 11: Obligation de rédiger la clause de règlement des différends**

Au moment de la rédaction des contrats, les parties doivent inclure des clauses de règlement des différends telles que prévues à l'Annexe I, soit à l'amiable, par voie de médiation, d'arbitrage ou

ubuhuza, binyujijwe mu bukemurampaka cyangwa kugana inkiko bitewe n'icyo bahisemo.

Abagiranye amasezerano bashobora kwiyambaza ubukemurampaka batagombye kwiyambaza ubuhuza.

Umukozi wa Leta cyangwa ushinzwe amategeko mu rwego rwa Leta agomba guteganya mu masezerano ko mu gihe abafitanye amasezerano batakemuye impaka mu bwumvikane cyangwa ubwunzi bifashisha inkiko zibifitiye ububasha. Muri icyo gihe, mu masezerano hakoreshwa ingingo iri ku mugereka wa I w'aya mabwiriza.

Icyakora, impande zikorana amasezerano zimenyeshwa ko zishobora guhitamo ubukemurampaka igihe zibyifuje.

**Ingingo ya 12: Gukemura impaka hakoreshejwe inzira y'ubwumvikane mu masezerano yo ku rwego rw'Igihugu**

Mu gihe hategurwa amasezerano yo ku rwego rw'Igihugu, Urwego rwa Leta urwo ari rwo rwose, rukoresha ingingo yerekeye gukemura impaka mu bwumvikane iri ku mugereka wa I w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 13: Gukemura impaka hakoreshejwe abahuza mu masezerano yo ku rwego rw'Igihugu**

Urwego rwa Leta urwo ari rwo rwose rushobora guhitamo uburyo bwo gukemura impaka

The Parties may opt for litigation or arbitration without resorting to mediation.

While drafting a dispute settlement clause, any government official or legal officer shall first propose the litigation as a mechanism for dispute settlement in case the amicable settlement or mediation fails. In that case, a litigation clause to be applied in the contract is in Annex I of these Instructions.

However, parties shall be informed that they may opt for arbitration if they wish.

**Article 12: Amicable settlement clause for national contracts**

Any Public Institution drafting national contracts shall be required to use the amicable settlement clause for national contracts as stated in the Annex I of these Instructions.

**Article 13: Mediation clause for national contracts**

Any Public Institution may decide to use the method of mediation as the option for dispute resolution. In

de recours aux tribunaux, selon le cas,

Les parties peuvent choisir de soumettre l'affaire à l'arbitrage sans devoir faire recours au préalable à la médiation.

Lors de la rédaction de la clause de règlement de différends, tout agent de l'Etat ou agent Juridique doit d'abord proposer à l'autre partie qu'en cas d'échec de la règlement du litige à l'amiable ou par médiation les parties peuvent saisir les juridictions compétentes. Dans ce cas, la clause qui est utilisée dans le contrat est dans l'annexe I des présentes instructions.

Toutefois, il est porté à la connaissance des parties qu'elles peuvent opter pour l'arbitrage si elles le souhaitent.

**Article 12: Clause de règlement de litiges à l'amiable pour les contrats nationaux**

Lors de la rédaction de contrats nationaux, toutes les institutions publiques doivent utiliser la clause sur le règlement de litige à l'amiable mentionnée à l'Annexe I des présentes Instructions.

**Article 13: Clause de médiation pour les contrats nationaux**

Toute institution publique peut décider d'utiliser la médiation comme option de régler un litige.

hakoreshejwe abahuza. Muri icyo gihe, Urwego rwa Leta rukoresha ingingo y'ubuhuza iri ku mugereka wa I w'aya mabwiriza mu gihe hakorwa amasezerano yo ku rwego rw'igihugu.

**Ingingo ya 14: Kwisunga Ikigo cy'Ubukemurampaka Mpuzamahanga cya Kigali**

Iyo abagiranye amasezerano bahisemo kutiyambaza inkiko, bashobora guhitamo gukoresha imwe mu ngingo zerekeranye n'ubukemurampaka ivugwa muri aya mabwiriza hakurikijwe ubwoko bw'amasezerano.

Ubukemurampaka bwihariye kandi budahoraho mu masezerano Leta irimo ntibwemewe.

Umukozi wa Leta ntiyemerewe guteganya mu masezerano ubundi bukemurampaka mpuzamahanga uretse ubw'Ikigo Mpuzamahanga cy'Ubukemurampaka cya Kigali (KIAC).

Iyo abagiranye amasezerano batashoboye kumvikana ku ngingo zerekeranye n'ubukemurampaka, umukozi wa Leta agisha inama Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta akaba ariwe ufata icyemezo cyangwa wumvikana n'urundi ruhande bagirana amasezerano ku ngingo z'ubukemurampaka zakoreshejwe.

that case, the Public Institution shall be required to use the mediation clause as stated in the Annex I of these Instructions while drafting the national contract.

**Article 14: Use of Kigali International Arbitration Center**

In case contracting parties do not prefer the use of litigation process, they may apply one of the dispute settlement clauses relating to arbitration, proposed in these Instructions depending on the type of the contract/agreement.

“Ad-hoc” arbitration is not allowed in Contracts.

A Government official shall not be allowed to apply any international arbitration clause except clauses relating to Kigali International Arbitration Center (KIAC).

If parties fail to agree on the proposed dispute resolution clause, the Government Official shall seek legal opinion from the Minister of Justice/Attorney General who shall decide or negotiate with the other party on the applicable dispute resolution clause.

Dans ce cas, l'institution ou organe public doit utiliser les clauses de médiation mentionnées à l'Annexe I des présentes Instructions en rédigeant un contrat national.

**Article 14: Utilisation du Centre International d'arbitrage de Kigali**

Au cas où les parties au contrat se conviennent de ne pas recourir aux tribunaux dans la clause de règlement de litige, elles peuvent utiliser une des clauses d'arbitrage proposées dans les présentes instructions selon le type de contrat/accord.

L'arbitrage « ad hoc » n'est pas autorisé dans les contrats.

Un agent de l'Etat n'est pas autorisé de faire application d'une clause d'arbitrage internationale autre que l'arbitrage effectué par le Centre International d'Arbitrage de Kigali (KIAC).

Si les parties ne parviennent pas à un accord sur la clause de règlement des litiges, les officiels de l'Etat doivent requérir un avis juridique auprès du Ministre de la Justice/Garde des Sceaux qui prendra une décision ou négociera avec l'autre partie la clause de règlement de litige à utiliser.

**Ingingo ya 15: Ingingo yo gukemura impaka mu nzira z'ubwumvikane cyangwa ubuhuza muri kontaro mpuzamahanga**

Umukozi wa Leta cyangwa ushinzwe amategeko mu rwego rwa Leta agomba gukoresha ingingo yerekeye ikemurwa ry'impaka iri ku mugereka wa I w'aya mabwiriza mu gihe bategura amasezerano mpuzamahanga Leta irimo.

**Ingingo ya 16: Ingingo y'ubukemurampaka mu masezerano ku rwego rw'Igihugu**

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 12 y'aya mabwiriza, umukozi wa Leta cyangwa umunyamategeko agomba, mu gihe ategura amasezerano yo ku rwego rw'Igihugu, gukoresha ingingo y'ubukempurampaka mu masezerano iri ku mugereka wa I w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 17: Ubukemurampaka muri kontaro mpuzamahanga**

Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 15 y'aya mabwiriza, iyo impaka hagati y'abagiranye amasezerano zitakemutse hakoreshejwe ubwumvikane cyangwa ubuhuza, hiyambazwa Ubukemurampaka hakoreshejwe ibiteganywa n'ingingo za 12, 13 na 14 z'aya mabwiriza. icyakora, umukozi wa Leta ahitamo igikwiye kimwe mu biteganywa n'izo ngingo hakurikijwe imiterere y'umushinga w'amasezerano.

**Article 15: Amicable settlement or mediation clauses for international contracts**

Any government official or legal officer is required to use the model amicable settlement or mediation clause in the Annex I of these Instructions when drafting any international contract in which the Government is a party.

**Article 16: Arbitration clause for national contracts**

Without prejudice to the provisions of Article 12 of these instructions, any government official or legal officer shall, while drafting any national contract in which the Government is a party, be required to use the model clause in the Annex I of these Instructions.

**Article 17: Arbitration clause for International Contracts**

Without prejudice to the provisions of Article 15 of these Instructions, if disputes between the parties to the Contract cannot be settled through amicable discussion, the arbitration model clauses set in Articles 12, 13 and 14 of these Instructions shall be applied. Government officials shall however, choose one of the clauses relevant to the draft agreement.

**Article 15: Clauses de règlement de litiges à l'amiable et de médiation dans les contrats internationaux**

Tout agent de l'Etat ou agent Juridique doit utiliser le modèle de clause sur le règlement de litige à l'amiable qui se trouve à l'annexe I des présentes Instructions lorsqu'il rédige les contrats internationaux.

**Article 16: Clause d'arbitrage pour les contrats nationaux**

Sans préjudice des dispositions de l'article 12 des présentes instructions, les agents de l'Etat ou agents juristes agissant au nom de l'Etat Rwandais doivent dans la rédaction d'un contrat national, utiliser le modèle de la clause d'arbitrage à l'Annexe I des présentes instructions.

**Article 17: Clause de règlement de litige pour des contrats internationaux**

Sans préjudice des dispositions de l'article 15 des présentes instructions, si les litiges entre les parties au Contrat ne peuvent pas être réglés par voie de négociations ou médiation, le modèle de clauses compromissoires prévues aux articles 12, 13 et 14 des présentes instructions est d'application. Les officiels de l'Etat doivent, cependant, choisir une des clauses pertinentes par rapport au projet d'accord.

**Ingingo ya 18: Ubukemurampaka bukoze hakurikijwe amategeko agenga Ikigo mpuzamahanga cy'Ubukemurampaka cya Kigali**

Iyo abagiranye kontaro mpuzamahanga bahisemo kwiyambaza Ikigo mpuzamahanga cy'Ubukemurampaka cya Kigali, bakoresha ingingo ziri ku mugereka wa I w'aya mabwiriza mu masezerano mpuzamahanga.

**Ingingo ya 19: Ingingo y'ubukemurampaka hakoreshejwe amasezerano y'umuryango mpuzamahanga**

Mu gihe cyo gukora kontaro mpuzamahanga, iyo umukozi wa Leta ahisemo gukoresha ubukemurampaka bugengwa n'amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye Yerekeye Amategeko y'Ubucuruzi Mpuzamahanga (UNCITRAL), yiyambaza ingingo ziri ku mugereka wa I w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 20: Ingingo y'ubukemurampaka hakoreshejwe amategeko agenga ubukempurampaka mu Rukiko rw'Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba**

Iyo abagiranye amasezerano bahisemo gukemura impaka hakurikijwe amategeko agenga ubukemurampaka mu Rukiko rw'Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba (EACJ), hakurikizwa ingingo zivugwa ku mugereka wa I w'aya masezerano.

**Article 18: Arbitration clause by use of Kigali International Arbitration Centre Rules**

In case contracting parties in international contracts accept using Kigali International Arbitration Centre, the model clause in Annex I of these Instructions shall be included in international contract.

**Article 19: Arbitration clause by use of United Nations Convention**

If any Government official or legal officer, while drafting international contracts prefers to use the United Nations Convention on International Trade Law (UNCITRAL), he/she shall use the model clause in Annex I of these Instructions in the International contract.

**Article 20: Arbitration clause by use of East African Court of Justice Arbitration rules**

If the parties to the contract prefer to settle the dispute in accordance with the East African Court of Justice (EACJ) Arbitration Rules, the arbitration clause in the Annex I of these Instructions shall be applied.

**Article 18: Clause d'arbitrage sur base des règles du Centre International d'Arbitrage de Kigali**

Au cas où les parties à un contrat international acceptent d'utiliser le Centre International d'Arbitrage de Kigali, le modèle de la clause en Annexe I des présentes instructions doit figurer dans le contrat international.

**Article 19: Clause d'arbitrage par usage de la Convention des Nations Unies**

Si un agent de l'Etat ou agent juriste au moment de la rédaction de contrats internationaux préfère utiliser la Convention des Nations Unies pour le Droit du Commerce International (CNUDCI), il utilise le modèle de la clause se trouvant en Annexe I des présentes instructions dans les contrats internationaux.

**Article 20: Clause d'arbitrage par les règles d'arbitrage de la Cour de Justice de la Communauté Est Africaine**

Si les parties au contrat préfèrent régler le litige selon les règles d'arbitrage de la Cour de Justice de la Communauté de l'Afrique de l'Est (EACJ), la clause compromissoire à l'Annexe I des présentes instructions est utilisée.



**Ingingo ya 21: Urwunge rw'ingingo zo gukemura impaka**

Iyo hategurwa ingingo z'ubukemurampaka, umunyamategeko agaragaza uburyo bunyuranye mu ngingo imwe bwo gukemura impaka abagiranye amasezerano bumvikanye ariko bigashyirwa mu bika binyuranye.

**Ingingo ya 22: Ingingo yo gukemura impaka zo mu rwego tekini**

Mu gihe umunyamategeko ategura ingingo y'ubukemurampaka, ashobora guteganya ubundi buryo bwo gukemura impaka nko kugena impuguke mu bibazo byo mu rwego rwa tekini.

**Ingingo ya 23: Ishyirwa mu bikorwa ry'ingingo y'ubukemurampaka**

Iyo abagiranye amasezerano batashoboye gukemura impaka mu bwumvikane cyangwa hakoreshejwe ubuhuza, Urwego rwa Leta rwandikira Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta rumusaba gushyiraho umukemurampaka ari na we ukomeza imiburanishirize mu bukemurampaka.

Urwego rwa Leta bireba, umukozi wa Leta n'abashinzwe amategeko muri urwo rwego bagomba korohereza Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta mu gihe cy'imiburanishirize y'ubukemurampaka bamugezaho ubuhamya mu magambo cyangwa

**Article 21: Combination of dispute resolution clauses**

While drafting the dispute resolution clause, the legal officer shall put in one clause the different ways of dispute resolution they have opted for but shall put them in separate paragraphs.

**Article 22: Clause on other means of settling technical disputes**

The legal officer may, while drafting the dispute settlement clause, provide for other mechanisms of settlement such as adjudication or expert determination for purely technical disputes.

**Article 23: Implementation of arbitration clause**

In case parties fail to reach an amicable settlement through negotiation or mediation, the Public Institution shall request the Minister of Justice/Attorney General through a written notice to appoint an arbitrator who shall continue with the arbitration proceedings.

The concerned Government institution or organ, public officials, and legal officers shall facilitate the Minister of Justice/Attorney General in the proceedings of arbitration, providing oral or written statements, documents relating to the dispute or any other necessary requirement needed for the

**Article 21: Combinaison des clauses de règlement de litiges**

En rédigeant la clause de règlement de litige, l'agent juriste met dans une seule clause les différentes formes de règlement de litige que les parties ont choisies mais en les plaçant aux alinéas différents.

**Article 22: Autres modes de règlement de litiges techniques**

Lors de la rédaction de la clause de règlement de litige, l'agent juriste peut prévoir d'autres mécanismes de résolution de conflit tels que l'adjudication ou la décision d'expert pour les litiges purement techniques.

**Article 23: Mise en application de la clause d'arbitrage**

Au cas où les parties ne parviennent pas à un règlement à l'amiable par négociation ou conciliation, l'institution ou l'organe de l'Etat doit demander au Ministre de la Justice/Garde des Sceaux par voie d'avis écrit de désigner un arbitre qui doit poursuivre la procédure d'arbitrage.

L'institution de l'Etat ou l'organe concerné, les fonctionnaires et agents juristes ont l'obligation de faciliter le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux dans la procédure d'arbitrage en lui fournissant entre autres les déclarations orales ou écrites, des documents relatifs au litige ou toute

mu nyandiko cyangwa se izindi nyandiko zerekeranye n'impaka cyangwa ibindi byifuzwa bya ngombwa.

proceedings.

autre exigence nécessaire pour la poursuite des procédures.

**UMUTWE WA III: IMISHYIKIRANO KU MASEZERANO LETA IRIMO**

**CHAPITER III: NEGOTIATING CONTRACTS**

**CHAPITRE III: NEGOCIATION DES CONTRATS**

**Ingingo ya 24: Abakurikirana imishyikirano**

**Article 24: Participants to negotiation**

**Article 24: Participants aux négociations**

Abafite ububasha bwo gukora imishyikirano ni aba bakurikira:

The authority to negotiate shall be vested in the following persons:

Le pouvoir de négocier revient aux personnes suivantes :

1° Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta n'Umuyobozi Mukuru mu micungire y'imari ya Leta mu Kigo cyangwa mu rwego bya Leta bateganywa n'ingingo ya 18 n'ya 24 z'Itegeko Ngenga n° 12/2013/OL ryo ku wa 12/09/2013 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta,

1° the Chief Budget Manager and Chief Executive Officer in public finance management of the public institution determined by Articles 18 and 24 of the Organic Law n° 12/2013/OL of 12/09/2013 on State finances and property

1° Le Gestionnaire Principal du budget et au Responsable Exécutif dans la gestion des finances publiques d'un établissement ou institution publique prévus aux articles 18 et 24 de la Loi Organique n° 12/2013/OL du 12/09/2013 relative aux finances et au patrimoine de l'Etat

2° abagize Ishami Rishinzwe Amasoko mu Kigo cyangwa mu rwego bya Leta ritaganywa n'ingingo ya 22 y'Itegeko n° 12/2007 ryo ku wa 27/03/2007 rigenga Amasoko ya Leta, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu.

2° the members of the Procurement Unit determined by Article 22 of the Law n° 12/2007 of 29/03/2007 on Public Procurement as amended and completed to date.

2° aux membres de l'Unité de passation des Marchés Publics désignés conformément aux dispositions de l'article 22 de la Loi n° 12/2007 du 27/09/2007 relative aux Marchés Publics telle que modifiée et complétée à ce jour.

Umukozi wa Leta, umunyamategeko b'urwego rurebwa n'amasezerano n'uhagarariye serivise irebwa n'isoko, iyo ihari, bagomba kwitabira imishyikirano.

The Public official, the Legal Officer of the Public Institution concerned with the contract and representative of the user department, if relevant, must be part of the negotiating team.

L'Agent de l'Etat et l'agent juriste de l'institution de l'Etat concernée par la conclusion du contrat, ainsi que, le cas échéant, le représentant de l'Unité bénéficiaire doivent faire partie de l'équipe de négociation.

**Ingingo ya 25: Uruhare rwa Minisitari y'Ubutabera**

**Article 25: Participation of the representative of the Ministry of Justice**

**Article 25: Participation du représentant du Ministère de la Justice**

Uhagarariye Minisitari y'Ubutabera agomba kuba

The representative of the Ministry of Justice shall

Le représentant du Ministère ayant la Justice dans

ari mu mishyikirano yose ku masezerano afite agaciro kangana cyangwa karenze amafaranga y'u Rwanda miliyoni Magana atanu (500.000.000 Frw), ay'ishoramari n'ifantanyabikorwa, ay'inkunga n'andi masezerano urwego rubona ko akomeye.

**Ingingo ya 26: Ubufatanye bw'inzego mu masezerano**

Urwego cyangwa Ikigo cya Leta cyateguye umushinga urebwa n'amasezerano, kigomba kwiyambaza Minisiteri, Urwego cyangwa Ikigo cya Leta bifite mu nshingano zabo ibijyanye n'ibikorwa by'uwo mushinga/amasezerano kuva mu gihe cy'itegurwa ry'isoko, igihe cy'imishyikirano kugeza igihe ishyingirwa mu bikorwa ry'ayo masezerano rirangiriye.

**Ingingo ya 27: Kwitabaza impuguke**

Mu masoko akomeye, impuguke mu mategeko z'abanyamahanga zishobora kwitabazwa zikajya mu mishyikirano.

**Ingingo ya 28: Imishyikirano yatangiwe ububasha na ba nyira bwo**

Mu gihe abagomba gukora imishyikirano bavugwa mu ngingo ya 24 y'aya mabwiriza batabonetse bashobora guha ububasha abakozi b'urwego rwa Leta hakurikijwe ibiteganywa

participate mandatorily in negotiations on the contracts which the value is equal to or exceeds five hundred millions Rwandan francs (500,000,000 Rwf), on any investment agreements and partnerships, financing agreements and other contracts considered complex by the public institution.

**Article 26: Institutional collaboration in contracts**

Any Government institution or organ that drafted a document related to the contract shall consult the relevant Ministry, Institution or organ responsible for the activity concerned in the contract starting from the phase of preparation of tender documents, the negotiation phase until the completion of the execution phase of the contract.

**Article 27: Assistance by experts**

International technical and legal experts for complex contracts may also be hired to participate in negotiations.

**Article 28: Negotiation in case of delegation of power**

Where the persons listed in Article 24 of these Instructions are not available, they may delegate their power to the agents of the public institution within the limits provided for by laws. In such a

Abanyamategeko b'Ibigo bya Leta bagomba gukora raporo buri gihembwe ku masezerano yakozwe, yakozweho imishyikirano n'ayacuzwe, agaragaza by'umwihariko niba amategeko ndetse n'aya Mabwiriza yarubahirijwe cyangwa atarubahirijwe, n'impamvu yaba yaratumye atubahirizwa.

- 11° Ensuring quality, facilitating problem resolution, and reporting to program manager;
- 12° Coordinating actions with the relevant procurement officer of the Public Institution.

**Article 51: Report on contract management**

Every contract, complex/big or small, on public procurement or on investment project has to be periodically monitored and supervised. A report on the progress of the works has to be established and a copy of it has to be sent to the Minister of Justice/Attorney General.

Where, during the execution of any Government contract, a dispute arises or a potential dispute situation comes up, the officers in charge of contract management shall immediately inform the Minister of Justice/ Attorney General. Government Institutions shall work collectively to prevent disputes or to resolve them before they turn into litigation.

Legal officers of Public Institutions shall make quarterly reports on Contracts drafted, negotiated and managed by their Institutions. The reports shall specifically show whether the relevant Laws and these Instructions were complied with or not and provide reasons for non-compliance.

- 11° S'assurer de la qualité, faciliter la règlement de problèmes, donner rapport au Directeur de Programme ;
- 12° Cordonner les actions avec l'agent chargé des marchés publics.

**Article 51: Rapport sur la gestion des contrats**

Tout contrat, complexe ou simple, relatif aux marchés public ou aux projets d'investissement doit être surveillé et supervisé. Un rapport sur l'évolution des travaux doit être établi à cet effet dont une copie doit être envoyée au Ministre de la Justice/Garde des Sceaux.

Lorsque, au cours de l'exécution du contrat, un différend nait ou est susceptible de naître, les personnes impliquées dans la gestion des contrats doivent informer immédiatement le plus tôt possible le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux avant d'entreprendre toute procédure de résoudre ce différend.

Les agents juristes des Institutions de l'Etat doivent produire un rapport trimestriel sur les Contrats rédigés, négociés et gérés par leurs Institutions. Ces rapports mentionnent particulièrement si les lois et les présentes Instructions ont été respectées ou pas, et les raisons de non respect si c'est le cas.

**Ingingo ya 52: Ibikwa ry'amasezerano yashyizweho umukono**

Nyuma yo gushyira umukono ku masezerano Minisiteri y'Ubutabera yatanzeho ibitekerezo, yaba ayerekeye amasoko ya Leta, ayerekeye imishinga y'ishoramari, amasezerano n'ibindi bihugu cyangwa imiryango mpuzamahanga, ndetse n'amavugururwa ayakozweho, agomba kohererezwa Minisiteri y'Ubutabera kugira ngo iyabike.

Amasezerano mato, asuzumwa n'abanyamategeko b'urwego areba, abikwa n'ushinzwe amategeko muri urwo rwego kandi akabikanwa n'inwandiko zose z'ingenzi zerekanyeye nayo ndetse n'iy'umunyamategeko wayasuzumye akemeza ko yashyirwa mu bikorwa.

**Ingingo ya 53: Kubika inyandiko**

Bitabangamiye ibiteganyijwe mu ngingo ibanziriza iyi, mu micungire y'amasezerano, umukozi ushinze kugenzura uko amasezerano ashirwa mu bikorwa abika neza akanasuzuma inyandiko z'amasoko n'izindi nyandiko zose zishobora kwifashishwa nk'ibimenyetso, nk'izi zikurikira:

- 1° inyandiko y'umwimerere y'amasezerano, hamwe n'amasezerano avugurura aya mbere;
- 2° itumanaho ryose ryerekeye uwahawe isoko ryaba itumanaho rinyuze mu ikoranabuhanga cyangwa itumanaho ry'imbere n'iryo hanze;

**Article 52: Keeping signed contracts**

After signing the contracts, either on public procurement, investment or complex contracts, either on international agreements and conventions, for which the Ministry of Justice provided legal opinion as well as their amendments, a copy of them shall be sent to the Ministry of Justice, which is the depository of all agreements to which the Government or allied institutions are parties.

Small contracts which are analysed by legal officers of concerned institutions shall be kept by legal officers in their offices. Those contracts have to be kept together with all relevant documents including the legal opinion authorising the signature of those contracts.

**Article 53: Record keeping**

Without prejudice to the provisions of the preceding Article, in the course of the contract management, the contract supervising official shall keep custody and ensure consistent review of the procurement documents and any other written documents which may serve as evidence, such as:

- 1° original contract and all amendments;
- 2° all related communication with the Private Party or international organisation/State including electronic communication and

**Article 52: Tenue des contrats signés**

Après la signature des contrats, que ça soit des contrats relatifs aux marchés publics, aux projets d'investissements, aux traités ou conventions internationaux ou autres contrat complexes ainsi que les amendements y relatifs, une copy doit être envoyée au Ministère de la Justice; depositaire de tous les contrats dont l'Etat ou ses institutions sont partis.

Les simples contrats qui sont analysés par les juristes des institutions concernés sont gardés par eux dans leurs bureaux. Ces contrats doivent être gardés ensemble avec tous les documents importants y compris l'avis juridique autorisant la signature de ces contrats.

**Article 53: Tenue de documents**

Sans préjudice des dispositions de l'article précédent, au cours de la gestion de contrats, l'agent chargé d'assurer le suivi de l'exécution des contrats doit tenir et s'assurer de la révision des documents de passation de marchés et tous autres documents écrits qui peuvent servir de preuve tels :

- 1° l'original du contrat et toutes les révisions ;
- 2° toute communication en rapport avec le contractant qu'il s'agisse de correspondance électronique ou de correspondance interne et

*Official Gazette n° 18 of 05/05/2014*

	internal and external correspondence;	externe ;
3° inyandiko mvugo z'inama;	3° minutes of meetings;	3° procès-verbaux des réunions ;
4° inama yatanzwe n'umunyamategeko w'Ikigo ndetse n'iyatanzwe na Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta, aho ihari;	4° legal opinions provided by the institutional legal officer and Minister of Justice/Attorney General, if applicable;	4° avis juridique de l'agent juriste de l'Institution publique ainsi que celui du Ministre de la Justice/Garde des Sceaux, si applicable ;
5° inyandiko z'ibyaganiriwe kuri telefoni;	5° notes of phone conversations;	5° notes des conversations téléphoniques ;
6° raporo;	6° reports;	6° rapports ;
7° amafoto, amavidewo;	7° pictures, video films;	7° photos, vidéos ;
8° ibimenyetso byo kwakira ibintu cyangwa raporo;	8° proof of receipt of goods or reports	8° preuve de réception de biens et rapports ;
9° inyemezabwishyu.	9° proof of payment.	9° preuve de paiement.

**UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA**

**CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES**

**Ingingo ya 54: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza**

**Article 54: Repealing provision**

**Article 54: Disposition abrogatoire**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo zivanyweho.

All prior Instructions contrary to these Instructions are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires aux présentes instructions sont abrogées.

**Ingingo ya 55: Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa**

**Article 55: Commencement**

**Article 55: Entrée en vigueur**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku muni atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

These Instructions shall come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Les présentes instructions entrent en vigueur le jour de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

*Official Gazette n° 18 of 05/05/2014*

Kigali, ku wa 16/04/2014

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika y'u Rwanda:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 16/04/2014

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Minister of Justice/Attorney General

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 16/04/2014

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITORERO INKURU NZIZA MU RWANDA  
« EIR »**

**INKURU NZIZA Church in Rwanda “EIR”**

**EGLISE INKURU NZIZA AU RWANDA  
« EIR »**

**AMATEGEKO SHINGIRO**

**CONSTITUTION**

**STATUTS**

Inama rusange y’**Itorero INKURU NZIZA MU RWANDA « EIR »** yateraniye i Kigali kuwa 27/12/2013;

The General Assembly of the **INKURU NZIZA Church of Rwanda “EIR”** Held in Kigali on 27/12/2013;

L’Assemblée Générale de l’**EGLISE INKURUNZIZA AU RWANDA « EIR »** tenue à Kigali, le 27/12/2013;

Imaze kubona Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003 ;

After viewing the constitution of the Republic of Rwanda of the 4<sup>th</sup> June 2003;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 Juin 2003 ;

Hakurikijwe itegeko n° 06/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n’Imikorere by’imiryango ishingiyeye ku idini;

According to the law n° 06/2012 of 17/02/2012 determining organization and functioning of religious-based organizations;

Conformément à la loi n° 06/2012 du 17/02/2012 portant organisation et fonctionnement des organisations fondées sur la religion;

**UMUTWE WA MBERE  
IZINA, INTEBE, UBUSHAMIKE, IGIHE  
UZAMARA INTEGO N’IFASI YAWO**

**CHAPTER ONE  
DESIGNATION, HEADQUARTERS,  
AFFILIATION, DURATION, OBJECTIVES  
AND AREAS OF ACTIVITIES**

**CHAPITRE PREMIER  
DE LA DENOMINATION, DU SIEGE, DE  
L’AFFILIATION, DE LA DUREE, DES  
OBJECTIFS ET DU CHAMP D’ACTIVITES**

**Icyiciro cya mbere : Izina, Intebe, Intego**

**Section one : Designation, Headquarters, purpose**

**Section 1<sup>ère</sup> : Dénomination, Siège, Objet**

**Ingingo ya 1:**

Havuguruwe amategeko shingiro y’umuryango ushingiyeye ku idini witwa “**Itorero INKURU NZIZA MU RWANDA**” mu magambo ahinnye y’igifaransa “EIR”, muri aya mategeko witwa “**Itorero**”.

**Article 1:**

The constitution of the organization based on Religion called “**INKURU NZIZA Church in Rwanda**” In acronym **EIR** hereafter called “**church**”.

**Article 1 :**

Il est modifié le statut d’une organisation Fondée sur la Religion dénommée «**EGLISE INKURUNZIZA AU RWANDA, en sigle « EIR »**», ci après dénommée « **Eglise** ».

**Ingingo ya 2:**

Icyicaro cy’**Itorero** kiri mu Karere ka NYARUGENGE, Umujyi wa Kigali. BP : 105

**Article 2:**

The headquarters are located in NYARUGENGE District, Kigali City. Po. BOX : 105 Kigali. It can

**Article 2 :**

Le siège de l’Eglise est établi dans le district de NYARUGENGE, Ville de Kigali. BP : 105 Kigali.

Kigali. Gishobora kwimurirwa ahandi hose aho rikorera byemejwe na 2/3 by'abagize Inama rusange y'Itorero.

**Ingingo ya 3: INTEGO**

Itorero INKURU NZIZA rifite intego zo kwamamaza ubutumwa bwiza bushingiye ku ijambo ry'Imana ariryo Bibliya Yera no gukora ibikorwa bigamije guteza imbere abakristo byumwihariko n'abandi baturage muri rusange.

**Ingingo ya 4 : IBIKORWA**

Nk'itorero rya Gikristo rikorera hose ku isi, rifite ubutumwa bushingiye kuri Bibiliya yera, ibikorwa by'ibanze by'itorero ni :

- Kwigisha no kwamamaza ijambo ry'Imana rishingiye ku mahame ya Bibiliya;
- Kwita ku byangombwa nkenerwa by'umuntu wuzuye : Umubiri, umwuka n'ubugingo mu Izina rya Yesu Kristo ntavangura iryo ari ryo ryose;
- Gukwirakwiza inyigisho za Gikristo, amahugurwa, ibitabo, Filimi n'ibindi;
- Gushyiraho ibikorwa biteza imbere imibereho myiza mu gushinga ibigo byo kwigisha gusoma no kwandika, amashuri y'ingeri zose, ibigo nderabuzima n'amavuriro n'ibindi;
- Kwimakaza umuco w'amahoro,

however be transferred to another location of its areas of activities following the decision of 2/3 of the General Assembly.

**Article 3: MISSION**

INKURU NZIZA Church of Rwanda "EIR" has the mission of evangelizing the good news based on the word of God being in the Holy Bible and of initiating socio-economic works within the framework of improving the livelihood of its members in particular and other people in general.

**Article 4 : ACTIVITIES**

Being part of the universal Christian Church of which the message is based on the principles of the Bible ; the church main activities are :

- To teach and spread God's message written in the Holy Bible;
- To take care of the whole person, that is a holistic approach : the body, the spirit and the soul in the name of Jesus Christ without any discrimination;
- To evangelize through Christian literature, films and seminars;
- To initiate socio-economic activities for development by establishing literacy centers, schools of all levels, health centers, hospitals etc.;
- To promote peace, harmony and justice in

Il peut être transféré en tout autre lieu de son ressort sur décision de 2/3 des membres de l'Assemblée Générale.

**Article 3 : MISSION**

L'Eglise INKURU NZIZA a la mission d'évangéliser la bonne nouvelle basée sur la parole de Dieu qui est la Sainte Bible et d'initier les œuvres socio-économiques dans le cadre d'améliorer les conditions de vie de ses membres en particulier et autre population en général.

**Article 4 : ACTIVITES**

Faisant partie de l'église chrétienne universelle dont le message est basé sur la Sainte Bible, l'Eglise a pour principales activités :

- D'enseigner et prêcher la parole de Dieu basée sur les vérités de la Bible;
- De satisfaire les besoins de la personne entière : le corps, l'esprit et l'âme, au nom de Jésus Christ sans discrimination ;
- Distribuer les livres, traités bibliques, les films et organiser des séminaires Ecclésiastiques, etc;
- Initier des activités de développement socio-économiques en créant des centres d'alphabétisation, des écoles de tous niveaux des centres de santé et des hôpitaux, etc;
- Promouvoir la paix, l'harmonie et la justice

ubwumvikane n'ubutabera mu mibanire y'abantu;

- Kongerera Itorero ubushobozi bwo guhangana n'ibibazo rigenda rihura nabyo.

the society;

- To build the capacity of the church in order to face the current challenges.

dans la société;

- Développer les capacités de l'Eglise pour répondre aux défis du moment.

### **Icyiciro cya kabiri: Igihe-Ifasi-Uburyo**

#### **Ingingo ya 5:**

Itorero rizamara igihe kitagenwe, rikorera imirimo yaryo mu Rwanda.

Mu buryo bw'Imiyoborere, itorero rigabanyijemo Amatorero y'uturere, Paruwasi n'Intara.

### **UMUTWE WA II : ABANYAMURYANGO**

#### **Ingingo ya 6:**

Abanyamuryango ni :

- Abanyamuryango barishinze
- Abanyamuryango baryinjiyemo,

Muri bo hari abakristo basanzwe n'abarobanuriwe gukora imirimo n'imihango y'Itorero bitwa abashumba cyangwa n'abakuru b'itorero.

#### **Ingingo ya 7:**

Abanyamuryango barishinze ni Abashumba n'abakristo bashyize umukono kuri aya mategeko shingiro.

Abanyamuryango ni abayobotse n'abazemererwa kwinjiramo nyuma.

#### **Ingingo ya 8:**

Abanyamuryango barishinze n'abazemererwa

### **Section two: Duration, Areas of activities, Means**

#### **Article 5:**

The church is established for an undetermined period. It will exercise its activities on the whole territory of Rwanda.

On the Regional level, it is divided into Local churches, parishes and Regions.

### **CHAPTER II : AFFILIATED MEMBERS**

#### **Article 6:**

The church members are :

- Founder members
- Affiliated members

Among them are lay people and those appointed to conduct church functions and rites who are pastors and elders of the church.

#### **Article 7:**

Founder members are pastors and Lay people who are signatories of the present Constitution.

The affiliated members are those already registered and others who will be admitted later.

#### **Article 8:**

The founder members and the affiliated members

### **Section 2<sup>ème</sup> : Durée Champ d'activités- moyens**

#### **Articles 5:**

L'Eglise est créée pour une durée indéterminée. Elle exerce ses activités sur toute l'étendue de la République du Rwanda.

Elle est administrativement divisée en Eglise locale, Paroisses et Régions

### **CHAPITRE II : DES MEMBRES**

#### **Article 6 :**

Sont membres de l'Eglise :

- Les membres fondateurs
- Les membres adhérents

Ils comprennent des chrétiens et dont les anciens de l'Eglise (pasteurs)

#### **Article 7 :**

Les membres fondateurs sont les pasteurs et des chrétiens signataires du présent statut.

Les membres adhérents sont ceux qui ont souscrit et qui y souscriront ultérieurement.

#### **Article 8 :**

Les membres fondateurs et les membres adhérents

*Official Gazette n° 18 of 05/05/2014*

kuryinjiramo nibo banyamuryango nyiri izina b'itorero. are the effective members of the church. constituent les membres effectifs de l'Eglise.

**Ingingo ya 9:**

Umubare w'abanyamuryango ntiwagenwe ariko ntushobora kujya muni y'abanyamuryango 100

**Article 9:**

The number of church members is not specified but it cannot be below 100 members.

**Article 9:**

Le nombre des membres de l'Eglise est indéterminé mais ne peut être en dessous de 100 personnes

**Ingingo ya 10:**

Umuntu aba atakiri umunyamuryango w'Itorero:  
-Asezzerwa bitewe n'uko atubahirije amategeko n'Amahame y'Itorero;

**Article 10:**

Termination of membership:  
-Dismissal because of non respect of the constitution and other regulations and rules of the EIR;

**Article 10 :**

La qualité des membres se perd en cas de :  
- Exclusion suite à la non respect des statuts et la doctrine de l'Eglise;

-Kwegura ku mpamvu ze bwite;  
-Kuba umunyamuryango w'irindi torero;  
-Urupfu.

- Voluntary resignation;  
- joining another church;  
- Death.

-Démission volontaire;  
-Adhésion à une autre Eglise;  
- le Décès.

Umunyamuryango wirukanywe cyangwa se weguye mu Itorero ntashubizwa Imisanzu iyo ari yo yose.

A member who is excluded or resigned on his/her own will not claim his contribution of any nature.

Le membre exclu ou qui se retire volontairement ne pourra réclamer ses cotisations et contributions de toute nature.

**Ingingo ya 11: Ibisabwa kuzuzwa ku munyamuryango nyakuri w'Itorero INKURU NZIZA**

**Article 11: Requirements to be a member of Church INKURU NZIZA**

**Article 11 : Conditions pour être membre de l'Eglise INKURU NZIZA**

Kugira ngo umuntu abe umunyamuryango nyakuri w'Itorero INKURU NZIZA agomba kuba:

To be an active member of Church INKURU NZIZA must be:

Pour être membre actif de l'Eglise INKURU NZIZA il faut être :

- Inyangamugayo;
- Akijijwe kandi yarabatijwe mu mazi menshi;
- Yemera kandi yizera Bibiliya Yera nk'ijambo ry'Imana;
- Umuntu wubahiriza amahame n'imyizerere y'Itorero ry'INKURU NZIZA;
- Umuntu wizera Ubutatu Bwera (Imana

- A Person of integrity;
- Saved and baptized by immersion;
- Believing the Bible as the Word of God;
- A person faithful to the doctrines and beliefs of Church INKURU NZIZA;
- A person who believes in the Holy

- Une personne intègre ;
- Etre sauvé et Baptisé dans l'eau ;
- Croyant la Bible comme parole de Dieu ;
- Une personne fidèle aux doctrines et croyances de l'Eglise INKURU NZIZA ;
- Une personne qui croit à la Sainte ;



Data, Yesu Kristo n'Umwuka Wera).

Trinity (God Father, Jesus Christ and Holy Spirit).

- Trinité (Dieu Père, Jésus Christ et Saint Esprit).

**Icyiciro cya 3 : Uburenganzira n'Inshingano**

**Ingingo ya 12:**

-Abanyamuryango nyirizina bafite uburenganzira bwo kugira uruhare rugaragara mu bikorwa by'itorero barifasha kugera ku nshingano zaryo ;

-Gutora no Gutorwa mu nzego zitandukanye z'itorero;

-Kugira uruhare mu bikorwa byashinzwe n'itorero.

**UMUTWE WA KABIRI**

**INSHINGANO Z'ABANYAMURYANGO**

**Ingingo ya 13 :**

Abanyamuryango bafite inshingano zikurikira :

-Kubahiriza amategeko shingiro n'amabwiriza byose by'itorero;

-Kubahiriza no gushyira mu bikorwa ibyemezo byafashwe n'inzego zibifitiye ububasha z'itorero;

-Gutera inkunga itorero mu bikorwa, mu mutungo no mu bitekerezo;

-kwirinda ikintu cyose cyatesha ishema n'icyubahiro itorero;

-Guharanira icyariteza imbere ndetse n'icyatuma itorero ryaguka.

**UMUTWE WA 3: INZEGO Z'ITORERO**

**Ingingo ya 14 :**

Inzego z'Itorero Inkurunziza ni :

**Section three : Rights and Duties**

**Article 12:**

-The effective members have the right to participate in the activities of the church by contributing to achieve the objectives of its mission;

-To elect and be elected at all levels of the church;

- To benefit from the socio economic activities initiated by the church.

**CHAPTER TWO**

**DUTIES OF MEMBERS**

**Article 13:**

The duly registered members have the following duties :

-to respect the present constitution and internal rules and regulations of the Church;

-to respect and execute the decision made by the competent organs of the church;

-to provide material and moral support to the church;

-to avoid any activities that may damage the image of the church;

-to work for the development and expansion of the church.

**CHAPTER III: ORGANS OF THE CHURCH**

**Article 14 :**

The organs of church are :

**Section 3<sup>ème</sup> : Des Droits et des Devoirs**

**Article 12 :**

-Les membres effectifs de l'Eglise ont droit de participer aux activités de l'Eglise en aidant à l'accomplissement des objectifs de sa mission ;

-Elire et être élu dans différents organes de l'Eglise ;

-Bénéficier des œuvres socio-économiques initiées par l'Eglise.

**CHAPITRE DEUXIEME**

**DES DEVOIRS DES MEMBRES**

**Article 13 :**

Les membres effectifs de l'Eglise ont notamment comme devoir :

-respecter les statuts et règlements de l'Eglise;

-respecter et exécuter les décisions des organes compétentes de l'Eglise;

-Soutenir matériellement, Financièrement et moralement l'Eglise;

-éviter toute action de nature à entacher l'honneur et la crédibilité de l'Eglise;

-Œuvrer à sa promotion et à son bon épanouissement.

**CHAPITRE III : LES ORGANES DE L'EGLISE- EIR**

**Article 14 :**

Les organes de l'Eglise INKURU NZIZA au

- Inama Rusange y'Itorero;
- Komite Nyobozi;
- Biro nshingwabikorwa;
- Urwego rushinzwe gukemura amakimbirane;
- Urwego rw'Ubugenzuzi bw'Imari.

**Icyiciro cya 4: Inama Rusange y'Itorero**  
**Ingingo ya 15:**

Inama Rusange y'Itorero ni urwego rw'ikirenga, rugizwe n'abahagarariye abanyamuryango, uko bashyirwaho biteganywa n'amategeko mboneza mikorere.

**Ingingo ya 16: INSHINGANO**

Inama rusange ifite ububasha bwo :

- Gutora no guhagarika ku mirimo abagize Komite Nyobozi;
- Gutora no guhagarika abagize biro nshingwabikorwa;
- Gutora no guhagarika ku mirimo abagize urwego rukemura amakimbirane;
- Gutora ndetse no guhagarika abagize komite y'ubugenzuzi bw'Imari;
- Kwemeza raporo z'ubuyobozi n'Imari z'Itorero;
- Gusezerera abanyamuryango;
- Gufata icyemezo cyo gusesa itorero;
- Kwemeza no guhindura amategeko agenga itorero;
- Kwemeza no guhindura ibyemezo byafashwe

- General Assembly;
- Administrative Committee;
- Executive Committee;
- Conflicts resolution commission;
- Internal audit.

**Section 4 : The General Assembly**

**Article 15 :**

The General assembly is the supreme organ of the church; it's comprised of the representatives of effective members whose modalities of designation are defined in the internal rules and regulations.

**Article 16: DUTIES**

The General Assembly's powers :

- To elect and dismiss members of administrative committee;
- To elect and dismiss members of executive council;
- To elect and dismiss members of conflict resolution organ;
- To elect and dismiss members of financial audit organ;
- To approve the administrative and financial report of the church;
- To approve the expulsion of members;
- To decide about the dissolution of the church ;
- To adopt and modify the constitution of the church;
- To approve and rectify the decisions made by

Rwanda sont :

- L'Assemblée Générale;
- Le Comité Administratif;
- Bureau Exécutif;
- Organe de résolution des conflits;
- L'organe d'audit Financier.

**Section 4<sup>ème</sup> : Assemblée Générale**

**Article 15 :**

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'Eglise, elle est constituée des représentants des membres effectifs dont les modalités de désignation sont définies par le règlement d'ordre intérieur.

**Article 16 : ATTRIBUTIONS**

L'Assemblée Générale a le pouvoir de :

- Elire et démettre les membres du comité administratif;
- Elire et démettre les membres du bureau executive;
- Elire et démettre les membres de l'organe de résolution des conflits;
- Elire et démettre les membres d'organe d'audit financier;
- Approuver le rapport administratif et financier de l'Eglise ;
- Prononcer l'exclusion des membres;
- décider de la dissolution de l'Eglise;
- Adopter et modifier les statuts de l'Eglise;
- Adopter et modifier les résolutions prises par les

*Official Gazette n° 18 of 05/05/2014*

n'inzeho z'ibanze z'itorero;  
-Kwemeza ukwihuza, imikoranyirye n'ubufatanywe n'indi miryango idaharanira inyungu za politiki;  
-Gutanga umurongo ngenderwaho w'ibikorwa by'itorero;  
- Kwemeza buri mwaka imicungire y'umutungo;  
-Kwemeza impano n'indagano;  
-Gusesa Itorero.

**Ingingo ya 17 :**

Inama rusange y'Itorero iterana rimwe mu mwaka itumijwe n'Umuvugizi w'Itorero akaba ari nawe uyiyobora, mu gihe adahari asimburwa n'umuvugizi wungurije.

Itariki, aho izabera n'ibizigirwamo bimenyeshwa abagize inama rusange hasigaye ukwezi ngo iterane.

Ishobora guterana mu nama zidasanzwe itumiwe na Komite Nyobozi cyangwa  $\frac{3}{4}$  by'abanyamuryango.  
Ibyemezo by'Inama rusange bifatwa ku bwiganze bwa  $\frac{2}{3}$  by'abayitabiriye.

**Ingingo ya 18:**

Inama rusange y'itorero iterana nibura  $\frac{2}{3}$  by'abanyamuryango bahari.

Iyo uwo mubare utagezeho, hatumizwa indi nama mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira ikiga ibyagombye kwigwa mbere. Abanyamuryango bahari bafata ibyemezo bihamye uko baba bangana

low level organs;  
-To approve the merging, collaboration and affiliation with other churches and apolitical organizations;  
-To adopt the general orientation of church's activities;  
-To approve the Annual budget;  
-To receive gifts and inheritance donations;  
-To dissolve the church.

**Article 17 :**

The General Assembly is convened once per year by the Legal Representative and chaired by him. On his absence, he shall be replaced by the 1<sup>st</sup> deputy Legal Representative.

The date, the venue and the agenda are communicated to the general assembly's members one month before.

It can hold extraordinary sessions, at the request either of the Executive committee or at the request of  $\frac{3}{4}$  of the effective members. The decisions of the General Assembly are taken by the majority of  $\frac{2}{3}$  of the present members.

**Article 18:**

To effectively meet, the General assembly must at least be attended by  $\frac{2}{3}$  of its members.

Due to lack of quorum, a new invitation is put forward not later than fifteen days (15) and the previous agenda is effectively scrutinized regardless of members attending the meeting and

organes de base ;  
-Décider la fusion, collaboration et l'affiliation avec d'autres Eglises et organisations apolitiques;  
-Donner l'orientation générale des activités de l'Eglise;  
-Approuver le budget annuel de l'Eglise;  
-Approuver les dons et legs;  
-Décider la dissolution de l'Eglise.

**Article 17 :**

L'Assemblée Générale se réunit en session ordinaire une fois par an sur convocation du représentant légal de l'Eglise qui la dirige. En cas d'empêchement, il est remplacé automatiquement par son suppléant.

La date, Le lieu et l'ordre du jour sont communiqués aux membres un mois avant la tenue de l'Assemblée Générale.

Elle peut se réunir en sessions extraordinaires, soit à la demande du Comité Exécutif, soit à la demande des  $\frac{3}{4}$  de ses membres effectifs. Les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité de  $\frac{2}{3}$  des membres présents.

**Article 18 :**

Pour siéger valablement, l'Assemblée Générale doit réunir au moins  $\frac{2}{3}$  des membres.

Faute de quorum, une nouvelle convocation est au plus tard dans les quinze jours qui suivent et l'ordre du jour antérieur est valablement étudié quelque soit le nombre des membres présents à la réunion.

kose.

make decisions.

Muri icyo gihe, nta kindi kibazo gishobora gusuzumwa niba kitari ku murongo w'ibyigwa.

In that case, there is no any other business (AOB).

Dans ce cas, aucune autre question ne peut être examinée si elle ne figure pas à l'ordre du jour.

### **Icyiciro cya 5: Komite Nyobozi y'itorero**

### **Section 5: Church Administrative committee**

### **Section 5<sup>ème</sup> : Comité Administratif de l'Eglise**

#### **Ingingo ya 19:**

Komite Nyobozi y'itorero igizwe na :

- Umuwugizi w'Itorero,
- Umuwugizi w'Itorero wungirije wa mbere,
- umuwugizi w'itorero wungirije wa kabiri,
- Umunyamabanga,
- Umubitsi,
- Abayobozi b'Intara,
- Abajyanama 4 batorwa n'Inama rusange.

#### **Article 19:**

The church Administrative committee is composed of:

- Legal representative,
- 1<sup>st</sup> deputy Legal representative,
- 2<sup>nd</sup> deputy Legal representative,
- Secretary,
- Treasurer,
- Regional representative,
- 4 Advisors elected by General Assemblies.

#### **Article 19:**

Le comité Administratif de l'Eglise est composé du:

- Représentant Légal de l'Eglise,
- 1<sup>er</sup> Représentant Légal suppléant,
- 2<sup>ème</sup> Représentant Légal suppléant,
- Secrétaire,
- Trésorier,
- Les Pasteurs Régionaux,
- 4 conseillers élus par l'Assemblée Générale.

### **Ingingo ya 20 : INSHINGANO ZA KOMITE NYOBOZI**

### **Article 20: DUTIES OF THE ADMINISTRATIVE COMMITTEE**

### **Article 20 : ATTRIBUTIONS DU COMITE ADMINISTRATIF**

Komite Nyobozi ishinzwe:

The Administrative committee is mandated to:

Le Comité administratif est chargé de :

- Gushyira mubikorwa ibyemezo by'Inama rusange;
- Kugeza ku nama rusange raporo y'ibikorwa n'imari by'umwaka;
- Kwemeza amasezerano y'ubufatanye;
- Gufata ibyemezo byose bigamije kurengera isura y'Itorero;
- ukurikirana ibirebana n'ibwirizabutumwa by'Itorero;
- Gukora undi murimo wose yagenerwa n'Inama Rusange.

- To carry out decisions of the General Assembly;
- To submit to the General Assembly, the annual report of activities and financial situation of the Church;
- To endorse partnership agreements;
- To make all decisions being able to safeguard the image of the church;
- To follow up the evangelical aspects of the Church;
- To execute any other tasks entrusted to it by the General Assembly.

- Exécuter des décisions de l'Assemblée Générale;
- Présenter à l'Assemblée Générale, le rapport annuel d'activités et financiers de l'Eglise;
- Approuver les conventions de partenariats;
- Prendre toute décision pouvant sauvegarder l'image de l'Eglise;
- Assurer la pastorale de l'Eglise;
- Faire tout autre tâche lui confiée par l'Assemblée Générale.

**Ingingo ya 21: IGIHE KOMITE NYOBOZI IMARA**

Komite Nyobozi itorerwa manda y'Imyaka itanu (5) ishobora kuvugururwa. Mubagize Komite Nyobozi, abayobozi b'Intara batoranywa hakurikijwe amategeko ngengamikorere y'Iterero INKURU NZIZA.

Mugihe hagize usezera k'ubushake bwe cyangwa abisabwe n'Inama rusange, usimbuye arangiza manda isigaye y'uwo asimbuye.

Komite Nyobozi iterana mu nteko isanzwe rimwe mu mezi ane itumijwe na Prezida wayo.

**Ingingo ya 22: INSHINGANO Z'ABAGIZE KOMITE NSHINGWABIKORWA**

Inshingano z'abagize Komite nshingwabikorwa:

- **Umuvugizi ashinzwe ibi bikurikira :**
- Guhagararira Itorero imbere y'amategeko mu gihugu no mu mahanga;
- Guhuza ibikorwa bya Komite nshingwabikorwa;
- Gutumiza no kuyobora inama z'inze nkuru z' Itorero;
- Gushyira umukono ku nyandiko zose z'itorero kurwego rwe;

**Article 21: THE MANDATE OF THE ADMINISTRATIVE COMMITTEE**

The mandate of the Administrative committee is 5 years renewable.

Regional representatives within the administrative committee are elected by following the rules and regulations of Inkurunziza church.

In the event of voluntary resignation or requested by the General Assembly, the successor completes the mandate of his predecessor.

The Administrative committee meets in ordinary session quarterly convened by its chairman.

**Article 22: DUTIES OF THE EXECUTIVE COMMITTEE**

The Executive Committee shall have the following responsibilities:

- **The Legal representative will be in charge of:**
- To represent the church nationwide and Internationally;
- To coordinate the Executive Committee activities;
- To convene and chair board meetings;
- To sign all official documents related to the church;

**Article 21 : LE MANDAT DU COMITE ADMINISTRATIF**

Le mandat du Comité Administratif est de 5ans renouvelables, parmi les membres du comité Administratif, seuls les pasteurs Régionaux sont désignés par le Règlement d'Ordre intérieur de l'EIR.

En cas de démission volontaire ou décidée par l'Assemblée Générale, les nouveaux membres complètent le mandat de prédécesseur.

Le Comité Administratif se réunit en session ordinaire une fois par 4 mois sur convocation de son Président.

**Article 22 : ATTRIBUTIONS DES MEMBRES DU COMITE EXECUTIF**

Les attributions des membres du comité Exécutif :

- **Le Représentant Légal a les attributions suivantes :**
- Etre le Représentant Légal de l'Eglise au niveau National et International;
- Coordonner les activités du Comité Exécutif;
- Convoquer et présider les réunions des organes supérieurs de l'Eglise;
- Signer tous les documents qui engagent l'Eglise;

*Official Gazette n° 18 of 05/05/2014*

- |  |  |   |
|--|--|---|
| <ul style="list-style-type: none"><li>- Gushyira umukono ku nyandiko zisohora amafaranga na raporo z'imari ku rwego rwe;</li><li>- Gushaka umutungo w'itorero afatanije n'umubitsi.</li></ul> <p><b>• Umuvugizi wungirije wa mbere afite inshingano zikurikira :</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>- Gusimbura Umuvugizi mu mirimo ashinzwe mu gihe atabonetse;</li><li>- Gukora indi mirimo yagenerwa na Komite Nyobozi.</li></ul> <p><b>• Umuvugizi wungirije wa kabiri afite inshingano zikurikira :</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>- Gusimbura Umuvugizi wa mbere mu mirimo ashinzwe mu gihe atabonetse;</li><li>- Gukora indi mirimo yagenerwa na Komite Nyobozi.</li></ul> <p><b>• Umunyamabanga afite inshingano zikurikira :</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>-Kwita no kubika inyandiko zose zirebana n'ubuyobozi n'Imari z'itorero.</li><li>-Kwandika inama nkuru z'Itorero no kuzigeza kubo zigenewe;</li><li>-Guhuza Imirimo y'inzeho z'ibikorwa bya buri muni by'Itorero;</li><li>- Kwita buri gihe ku imikorere y'abakozi, ubuyobozi n'imari by'Itorero;</li></ul> | <ul style="list-style-type: none"><li>- To sign all financial documents and financial reports within his capacity;</li><li>- To look for church funds in collaboration with the church treasurer.</li></ul> <p><b>• The 1<sup>st</sup> Deputy Legal Representative shall be responsible of the following:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>- To stand-in for the Legal representative in case of his absence;</li><li>- To accomplish any other task assigned by the administrative committee.</li></ul> <p><b>• The 2<sup>nd</sup> Deputy Legal representative shall be responsible of the following:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>- the 2<sup>nd</sup> deputy will stand in for the Legal representative when the 1<sup>st</sup> deputy is not available;</li><li>- To accomplish any other task assigned by the Administrative Committee.</li></ul> <p><b>• The Secretary shall be in charge of the following:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>-To Keep and preserve all administrative and financial documents of the Church;</li><li>-To Report to all top organs meetings;</li><li>-To Coordinate all the daily church activities.</li><li>-To manage the entire staff; administrative, finances and properties of the church;</li></ul> | <ul style="list-style-type: none"><li>- Signer tous les documents financiers et rapports financiers à son echelon;</li><li>- Chercher, augmenter les fonds de l'Eglise en collaboration avec le trésorier.</li></ul> <p><b>• Le 1<sup>er</sup> Représentant Légal suppléant a les attributions suivantes :</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>- Remplacer le Représentant en cas d'empêchement;</li><li>- Accomplir tout autre tâche lui confiée par le comité administratif.</li></ul> <p><b>• Le 2<sup>eme</sup> Représentant Légal suppléant a les attributions suivantes :</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>- Remplacer le 1<sup>er</sup> Représentant en cas d'empêchement;</li><li>- Accomplir tout autre tâche lui confiée par le comité administratif.</li></ul> <p><b>• Le Secrétaire a les attributions suivantes :</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>-Garder et conserver tous les documents administratifs et financiers de l'Eglise ;</li><li>- Etre rapporteur des réunions des organes supérieurs de l'Eglise;</li><li>- Coordonner les activités quotidiennes des différents services de l'Eglise;</li><li>-Gérer le personnel et l'administration de l'Eglise;</li></ul> |
|--|--|---|

*Official Gazette n° 18 of 05/05/2014*

-Gukora raporo z'imirimu;  
-Gutegura Inama z'inzeho nkuru z'itorero afatanije n'Umuvugizi;  
-Gushyira umukono ku nyandiko zose zirebana no gusohora amafaranga y'Itorero ku rwego rwe;  
- Gukurikirana imishinga y'Itorero.

• **Umubitsi Ashinzwe :**

-Gutegura ingengo y'Imari afatanyije n'Umunyamabanga;  
-Gushyira umukono ku nyandiko zirebana no gusohora amafaranga ku rwego rwe;  
-Gutegura raporo y'imari n'umutungo;  
-Gukora indi mirimo yashyirwa na Komite Nyobozi.

• **Aboyozi b'Intara bashinzwe :**

-Gutanga inama muri Komite Nyobozi;  
-Guhagararira aba kristo bo mu ntara bashinzwe;  
- Gukora indi mirimo bagenerwa n'Inama Rusange muri Komite Nyobozi.

• **Abajyanama 4 bashinzwe :**

-Gutanga inama muri Komite Nyobozi;

- To prepare activity reports;  
-To prepare superior organs' meetings of the church;  
-To sign all financial documents within his capacity;  
-To monitor all Church projects.

• **The Treasurer shall have the following responsibilities:**

-To Prepare the budget in collaboration with the Secretary;  
- To seek how to augment church funding, manage the finances and property of the church;  
-To Sign all financial documents within his capacity;  
-To prepare all financial reports;  
-To accomplish any other task assigned by the Administrative Committee.

• **Regional Representatives shall have the following responsibilities**

- To be advisors to the Executive committee members;  
- To represent church members of their respective regions;  
- To accomplish any other work assigned to them by the General Assembly in the Administrative committee.

• **4 advisors shall have the following responsibilities:**

-To advise the administrative committee;

-Etablir des rapports administratifs;  
-Préparer les réunions des organes supérieurs de l'Eglise ;  
-Signer tous les documents financiers et rapports financiers à son échelon;  
-Faire le suivi des projets de l'Eglise.

• **Le trésorier a les attributions suivantes :**

-Préparer le budget en collaboration avec le Secrétaire Général;  
- Chercher, augmenter les fonds de l'Eglise;  
- Signer les documents financiers sous sa responsabilité;  
-Préparer les rapports financiers;  
-Accomplir tout autre tâche lui confiée par le Comité Administratif.

• **Pasteurs Régionaux ont les attributions suivantes :**

- donner des conseils dans le comité Exécutif;  
- représenter les membres de leurs zones d'action;  
- Accomplir tout autre tâches lui confiées par l'Assemblée Générale dans le comité Administratif.

• **4 conseillers ont les attributions suivantes**

-donner des conseils dans le comité administratif;

*Official Gazette n° 18 of 05/05/2014*

-Gukora indi mirimo bagenerwa n'Inama Rusange muri Komite Nyobozi.

-To Accomplish any other work assigned by the General Assembly in the administrative committee.

-Accomplir tout autre tâche lui confiée par l'Assemblée Générale dans le comité administratif.

**Ingingo ya 23: Ibisabwa ngo umuntu abe umuyobozi mu nzego z'Itorero INKURU NZIZA**

**Article 23: Requirements to be leader in the INKURU NZIZA church organs**

**Article 23: Conditions pour être un dirigeant dans des organes de l'Eglise INKURU NZIZA**

Umuyobozi mu nzego z'Itorero INKURU NZIZA mu Rwanda agomba kuba:

An INKURU NZIZA church organ leader must:

Un dirigeant dans des organes de l'Eglise INKURU NZIZA doit :

- Inyangamugayo;
- Afite imyaka y'ubukure;
- Atarahamwe n'icyaha cya Jenocide, icy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri;
- Atarakatiwe k'uburyo budasubirwaho igihano cy'iremezo cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu 6;
- Kubahiriza amahame n'imyizerere y'Itorero INKURU NZIZA;
- Kuba agaragaraho umuco wo gukorana neza no gusabana n'abandi;
- Kuba umwizerwa;
- Ibindi bisabwa bigaragara mu mategeko nengamikorere.

- To be a person integrity;
- To be of mature age;
  - To have never been condemned for genocide crime, for discrimination or divisionism;
  - To have never been conclusively condemned to capital punishment or imprisonment above or equal to six (6) months;
- To Respect the doctrine and the beliefs of the INKURU NZIZA Church;
- To have the spirit of collaboration and fellowship;
- To be a trustworthy person;
- Other requirements are defined in the internal rules and regulations.

- Etre une personne integer;
- Avoir atteint l'âge de la majorité;
- N'avoir pas été condamné pour crime de génocide, de discrimination et de divisionnisme;
- N'avoir pas été définitivement condamné une peine principale d'emprisonnement supérieure ou égale à six (6) mois;
- Respecter la doctrine et croyances de l'Eglise INKURU NZIZA;
- Avoir un esprit de coopération et de collaboration;
- Etre une personne de confiance et d'honnêteté;
- D'autres conditions sont définies dans le règlement d'ordre intérieur.

**Ingingo ya 24: Impamvu zatuma umuntu atakaza kuba umwe mu bayobozi b'inzego za EIR**

**Article 24: Reasons for losing the position of an Inkurunziza church organs leader(EIR)**

**Article 24 : Motifs de perdre le poste d'un dirigeant dans des organes de l'EIR**

Zimwe mumpamvu zabituma umuntu atakaza kuba umuyobozi mu nzego z'Itorero INKURU NZIZA mu RWANDA ni:

Some reasons for a person to lose trust to be a leader in the Inkurunziza church in Rwanda are:

Certains motifs pour qu'une personne perde la confiance d'être un dirigeant dans des organes de l'Eglise INKURU NZIZA AU RWANDA sont :



-Kuba atakigaragaraho ubuhamya bwiza mu itorero no hanze;

-Kunyuranya n'imyemerere y'Itorero;

-Guta inshingano ze mu gihe cy'amezi atandatu 6.

- Lack of good testimony in the church and outside;

